

# UBURYO BWO KUBONEZA URUBYARO

Family Tree Clinic,  
1619 Dayton Ave. St.Paul, MN 55104

[www.familytreeclinic.org](http://www.familytreeclinic.org)  
651.645.0478

Uburyo bushingiye ku misemburo	Uko bukoreshwa	Umumaro bugira (Uburyo bwiza bwo kubukoresha)	Aho buboneka	Burinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?	
<b>Agapira ko mu kaboko ka 'Nexplanon'</b> <i>Agapira korohereye kinjizwa mu kaboko. Imisemburo yumutsa urerenda rwo mu nkondo y'umura maze ikabuza igi guhisha.</i>		Kinjizwa mu kaboko maze kakaba gashobora kumaramo imyaka igera kuri 3.	Hejuru ya 99%	Kinjizwa kandi kakavanwamo na muganga.	Oya
<b>Agapira ko mu mura ka 'Mirena IUD'</b> <i>Ni agapira gato kandi korohereye kinjizwa mu mura. Karimo umusemburo wa Porojesiterone. Kumutsa urerenda rwo mu nkondo y'umura.</i>		Kinjizwa mu mura maze kakaba gashobora kumaramo imyaka igera kuri 5.	Hejuru ya 99%	Kinjirizwamo mu biro bya muganga cyangwa mu ivuriro. Kandi kakavanwamo na muganga.	Oya
<b>Agapira ko mu mura ka 'Skyla IUD'</b> <i>Ni agapira gato kandi korohereye kinjizwa mu mura. Karimo umusemburo wa Porojesiterone. Kumutsa urerenda rwo mu nkondo y'umura</i>		Kinjizwa mu mura maze kakaba gashobora kumaramo imyaka igera kuri 3.	Hejuru ya 99%	Kinjirizwamo mu biro bya muganga cyangwa mu ivuriro. Kandi kakavanwamo na muganga.	Oya
<b>Urushinge</b> <i>Urushinge rurimo umusemburo wa Porojesiterone ubuza igi guhisha, ukumutsa urerenda rw'inkodo y'umura maze ukabuza igi gufata kuri nyababyeyi.</i>		Witeza urwo rushinge rimwe muri buri mezi 3	Hejuru ya 99%	Inshinge zitererwa mu biro bya muganga cyangwa mu ivuriro	Oya
<b>Impeta ishyirwa mu gitsina cy'umugore</b> <i>Impeta ibonerana kandi yorohereye irekurira imisemburo mu mubiri maze ikabuza igi guhisha</i>		Yinjizwamo buri kwezi, ikagumamo mu gihe cy'imbyumweru 3, maze igakurwamo hagashira icyumweru kimwe.	Hejuru ya 99%	Bisaba ko uba wabyandikiwe na muganga	Oya
<b>Agapfuko</b> <i>Karekura gahoro gahoro imisemburo yinjira mu mubiri maze ikabuza igi guhisha</i>		Gashyirwa ku mubiri maze kagahindurwa buri cyumweru	Hejuru ya 99%	Bisaba ko uba wabyandikiwe na muganga	Oya
<b>Ikinini</b> <i>Kirimo imisemburo ibuza igi guhisha</i>		Nywa ikinini kimwe buri munsi kandi ku masaha amwe	98%	Bisaba ko uba wabyandikiwe na muganga	Oya
<b>Uburyo budashingiye Ku misemburo</b>	Uko bukoreshwa	Umumaro bugira (Uburyo bwiza bwo kubukoresha)	Aho buboneka	Burinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?	
<b>Agapira ko mu mura ka 'Paragard' IUD</b> <i>Agapira gato gakoze nk'inyuguti ya "T" kinjizwa mu mura. Kaba gakoze mu muringa.</i>		Kinjizwa mu mura maze kakaba gashobora kumaramo imyaka igera ku 10.	99%	Kinjirizwamo mu biro bya muganga cyangwa mu ivuriro. Kandi kakavanwamo na muganga.	Oya
<b>Agakingirizo</b> <i>Gakingira abakora imibonano mpuzabitsina maze kakabuza amatembabuzi yo mu mubiri guhura.</i>		Kambikwa igitsina cy'umugabo mbere yo gukora imibona mpuzabitsina.	98%	Iduka ry'imiti, iduka bahahiramo ibiribwa, ivuriro, ibiro bya muganga	Yego, akenshi
<b>Agakingirizo k'umugore</b> <i>Gakingira abakora imibonano mpuzabitsina maze kakabuza amatembabuzi yo mu mubiri guhura.</i>		Kinjizwa mu gitsina cy'umugore mbere yo gukora imibona mpuzabitsina.	95%	Iduka ry'imiti, iduka bahahiramo ibiribwa, ivuriro, ibiro bya muganga	Yego, akenshi
<b>Umuti wica intanga ngabo</b> <i>Ni ifuro, amavuta, jeri cyangwa agashashi gashonga byica cyangwa bigaca intega intanga ngabo.</i>		Kinjizwa mu gitsina cy'umugore mbere yo gukora imibona mpuzabitsina.	75%	Iduka ry'imiti, ivuriro, ibiro bya muganga	Oya
<b>Kwifungisha burundo</b> <i>Kwifungisha burundo ku bagabo cyangwa gufunga umura.</i>		Bikorwa ubazwe kandi ni uburyo bwa burundo	99%	Ubazwe ashobora kwivuza ataha kandi bikorwa na muganga	Oya
<b>Uburyo bwo kuboneza urubyaro bw'ingoboka, igihe uburyo bwo kuboneza urubyaro bwa mbere nta cyo bwagufashije</b>					
<b>Uburyo bwo kuboneza urubyaro bw'ingoboka</b> <i>(Uburyo bw'ingoboka bw'ikinini kinyobwa umunsi ukurikiyeho)</i> <i>Gikora vuba kikabuza igi guhisha</i>		Kinywe mu gihe kitarenze amasaha 72 nyuma yo gukora imibonano mpuzabitsina idakingye	80-95%	Kiboneka mu maduka kandi gishobora guhabwa abantu b'ingeri zose	Oya